Kigali, le 2/9 1997

N° 1009/21-00

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE
DE LA CULTURE, DES SPORTS
ET DE LA FORMATION
PROFESSIONNELLE
B.P. 1044 KIGALI

File
5/9/97

Ku Munyamabanga Mukuru muri
Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo
Umuco no Kwigisha Imyuga
Iciriritse

**IMPAMVU: AMABWIRIZA KU BAKOZI BA MIJESCAFOP BAZAJYA KWIHUGURA MURI CANADA**

Bwana Munyamabanga Mukuru,

Mbere y'uko abarebwa n'iki kibazo kivugwa hejuru bajya mu mahugurwa, ibikurikira bigomba kubahirizwa:

- Ihererekanya-bubasha (remise et reprise) n'abazabasimbura aho biteganijwe. Iryo hererekanya bubasha rigomba guhagarikirwa n'inzego zibigenewe za Minisiteri
- Kumurikira Minisiteri ibintu byose umwe umwe yari ashinzwe.

Ku buryo bw'umwihariko uwari ashinzwe gucunga imodoka za Minisiteri (Charroi) agomba kuzisubiza muri Minisiteri nk'Uko yakomeje kubisabwa. Niba hari icyamunaniye ngo imodoka zapfuye ziri mu ma garages zitahe aho zavuye, agomba kukigaragaza, kigashakirwa igisubizo.

Ndibutsa ko Minisiteri ifite uburenganzira bwo guhagarika uwo ariwe wese mu gihe ibi bitubahirijwe.

N.B: Amazina y'abateganywa kuzasimbur'abagiye mu mahugurwa agomba kugezwa muri Cabinet agasuzumwa mbere yuko yemezwa.

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo
Umuco no Kwigisha Imyuga
Iciriritse

Dr. Yakobo BIHOZAGARA

BIMENYESHEJWE:
- Abayobozi ba Départements Jeunesse
- Umwe umwe mu bitegura kujya mu mahugurwa

Tél. 8 35 12, 8 35 13, 8 35 40 Fax. 8 35 18